**GROUPE MISERCORDE**

**RAPORO Y'IBIKORWA BY'URUKUNDO**

Twatangiye tariki 02/12/2023 twangiye turi abavandimwe 10 aribo:

- UWIMANA Anne Marie
- MUREKATETE Verediana
- NAMAHORO M.Claire
- KANTENGWA Clementine
- AKUMUTIMA Clarisse
- NYIRAHABIMANA Alivera
- UWIMPUHWE Albertine
- UMULISA Francine
- NYIRAMAJYAMBERE Christine
- UWIMANA Jennifa

Tumaze kumva ibikorwa by'impuhwe n'imigirire yazo natwe twiyemeje gutangira gushyira mu bikorwa ibyo twari twumvise ,kuko twasanze byadufasha kubaka ubuzima bwacu bwa roho.

Twatangiye kuwa **02/12/2023**,twasuye umusaza witwa Claveri utuye Kagitarama tumugenera ifunguro ry'umubiri turamuganiriza cyane ko ashaje kandi akaba yibana ariko icyadushimishije ni uko mu busaza bwe akunda Imna kandi akayiringira.twamushyikirije ibyo twari twamugeneye hanyuma tumuragiza Imana mu isengesho dufatanyije nawe ,tumusezeraho tumubwira ko tuzajya tunyaruka tukamureba.

- Nkuko twari twatangiye twiyemeza kuzajya duhura kabiri mu kwezi kuwa **23/12/2023**

Twasuye umugabo warwaye kanseri urembye cyane utuye I Nyabisindu hanyuma tuganira n'umubyeyi wari umurwaje adusobanurira uburwayi bwe natwe turamuhumuriza tumubwira ko agomba gukomera akarwaza umurwayi kandi ko Nyagasani azamufasha muri byose nubwo umurwayi atabashaga kuvuga ariko yarumvaga nawe twamubwiye ko agomba kwiyakira akumva ko Nyagasani amuri hafi.umurwaza yarishimye biramurenga ko abantu bagira

impuhwe bakiriho,twamushyikirije ibyo twari twahuje kugirango abone isukari yo gufasha umurwayi,twasoje n'isengesho nawe adusabira umugisha hanyuma turataha.

- Kuwa **3/01/2024** twasubiye gusura umusaza Claveri tumushyira ifunguro ryari ryabonetse ariko twasanze afite ikibazo cyo kuvirwa kandi ntabushobozi dufite bwo kugikemura tumubwira ko yihangana hanyuma dusoza n'isengesho turataha.
- Kuwa **24/2/2024** twasuye umurwayi mu cyakabiri waheze mu nzu utava mu buriri hanyuma tuganira n'umukecuru mushiki we umurwajeatubwira uburwayi bwe ndetse atubwira ko kumugeraho bidashoboka yibera mu buriri atubwira ko nubwo amurwaje nawe ubwe afite integer nke ahora ku miti y'umuvuduko tumubwira ko agomba kwihangana kandi agakomera. Twamushyikirije ibyo twari twateguye hanyuma dufatanya nawe gusingiza Imana no kuyishimira hanyuma tumusezeraho turataha. Nubwo twiyemeje gukora ibikorwa by'impuhwe twari tutarahuran'umuvandimwe wabidushishikarije ngo adusobanurire neza byimbitse kugirango twese tubibemo tubyumva kimwe.
- Kuwa **23/03/2024** nibwo umuvandimwe Soeur Agnes yadusuye adusobanurira neza uko byatangiye naho byatangiriye yatangiye atwibwira ko ari umubikira wo mu ngoro y'urukundo I Butare atubwira ko abantu batangiye iyi groupe mu mwaka w'1983itangirira mu Butariyani aha hari hateye indwara yicaga abantu benshi hanyuma abantu bose bagahunga abarwayi banga kubakoraho ngo batabanduza nibwo iyo Groupe y'abantu biyemeje gufasha abarwayi bakabitaho bakabatwara kwa muganga abapfuye bakabashyingura.

Yakomeje atubwira ko nubwo iyo ndwara yaje gukira iyo Groupe ntabwo yaretse gukora ibikorwa by'impuhwe barakomeje bitangira abantu bababaye mu buryo butandukanye bakababafasha .yakomeje atubwira ko muri iyo Groupe ariho havuye umugabio wiyemeje ko impuhwe zakwira ku isi hose hakaboneka abakorana bushake bo kwitangira impuhwe n'imigirire yazo.yatumije abantu bo mu bihugu bitandukanye arabigisha yifashishije ivanjiri,ababwira ko nabob agenda bagashinga Groupe zigatangira ibikorwa by'impuhwemu bihugu byabo bakomokamo.ni muri ubwo buryo umubikira KAMANYANA Agnes nawe yagiye mu butariyani ahagarariye igihugu cyacu cy'uRwanda ahabwa ubutumwa bwo gufasha abantu babishaka bifitemo impuhwe gufasha abantu bazikeneye mu bikorwa by'urukundo.

Yadusobanuriye byinshi ku bijyanye n'impuhwe twese twumva bitwubatse kandi twiyemeza gukomeza ibikorwa byacu twese .

Twamubwiye ko hari igihe dukora igikorwa kirenze ubushobozi bwacu urugero:umusaza twasuye twasanze avirwa iyo imvura iguye inzu yose irava ariko ntacyo twagikozeho kuko ntabushobozi yatubwiye ko tuzajya dukora ibyo dushoboye kuko ntawe utanga icyo adafite gusa aho twahanye ibitekerezo dusanga aho twahura nikibazo gikomeye dushobora no kumutabariza aho bishoboka.

Twafashe umwanzuro wo kuzajya dukora igikorwa cy'urukundo rimwe mu kwezi kuwa gatandatu w'icyumweru cya kane ,nyuma y'ikiganiro twagiranye twasangiriye hamwe ifunguro ryari ryateguwe hanyuma dukomezanya igikorwa cy'urukundo cyari giteguwe kuri uwo munsi.twasuye umurwayi utuye igahogo warwaye diabeti bimuviramo gutakaza urugingo rumwe rw'umubiri bamuciye ukuguru twaramusuye turaganira atubwirauko uburwayi bwe bwatangiye kugeza abuze urugingo rw'umubiri,yatubwiye ko ari kugenda yoroherwa ndetse ko muganga we yamubwiye ko igisebe kimeze neza ko mu minsi mike bazamuha insimbura ngingo.twasanze mu burwayi bwe afite ibyiringiro kandi ashimira Imana ko yamubaye hafi natwe twaramuganirije turamukomeza hanyuma tumushyikiriza icyo twari twakusanyije hanyuma dusingiza Imana turataha. Igikorwa cy'ukwezi gutaha kizaba ari kuwa **28/04/2024**

- Kuwa **28/4/2024** twasuye umukecuru utuye Kagitarama witwa Rozariya akaba amaze imyaka umunani arwaye akaba atakibasha kubyuka kubera imitsi idakora neza .twasanze asingiza Imana kandi ayishimira ntabwo yihebye cg ngo acike intege mu burwayi bwe azirikana ko isaha nigera Nyagasani azakora umurimo we kuri we yaratuganirije hanyuma natwe tumubwira ko akomeza kwihanganira uburwayi bwe butamworoheye hanyuma tumushyikiriza igikorwa twari twateguye dusingiza Imana tumusezeraho turataha.

Igikorwa cy'ukwezi gutaha tuzagikora kuwa **25/05/2024**

- Kuwa **25/05/2024** twasuye umukecuru umaze imyaka 13 arwaye yabaye pararize uruhande rumwe akaba abana n'umukobwawe nawe utameze neza kuko yatubwiye ko nawe arwara umuvuduko. gusa yatubwiye ko agerageregeza kumufasha uko ashoboye, nubwo bitoroshye kumubonera icyo akeneye ariko Imana igenda ikoresha abantu batandukanye bikaboneka.twaramuganirije tumubwira ko agomba kwihangana ko

Nyagasani amuri hafi tumaze kuganira birambuye twamushyikirije ibyateguwe n'abavandimwe hanyuma turasenga tubaragiza Imana tubasezeraho turataha. Ubwo igikorwa cy'ubutaha kizaba kuwa **23/06/2024.** Turashimira Imana ko abavandimwe bari kugenda babyumva ubu tukaba tumaze kwiyongera. abitabira igikorwa ni aba bakurikira:



- Kuwa **28/06/2024** twasuye umugabo wibana witwa Uzabaho Andre, umaze imyaka ibiri arwaye yarabaye pararize umubiri wose kuburyo butunguranye, Muburwayi bwe yabaye CHUK nyuma bamwimurira Gatagara agera ubwo yoroherwa baramusezerera nubwo atarakira neza kuko intoki ntizirafata neza ndetse nogukandagira ntibirakunda neza. Hakusanyijwe inkunga y'ibihumbi cumin a kimwe**(11000frw**) dusoza nisengesho.




- Kuwa **27/07/2024** twasuye umurwayi witwa Rutabana Fidel ufite urugo Mwendo mukarere ka Ruhango ariko ubu akaba abarizwa mu Rugarama kubera ikibazo cy'uburwayi. Umurwayi abayeho mubuzima bugoye ubwo haje kumenyekana ko arwaye kanseri y'umwijima yamaze umwaka Butaro ushize baramusezerera ngo akurikiranywe kubitaro bimwegereye, nibwo yaje gucumbika aho abaraizwa ubu kugirango ajye agera kwa muganga vuba kuko akenera kuvomwa amazi munda bitunguranye. Twasoje nisengesho, inkunga yakusanijwe ni ibihumbi icumi**(10 000frw)**



- Kuwa **24/08/2024** twasuye umusaza Claveri utuye Kagitarama, uwomusaza twigeze kumusura dusanga aba munzu yangiritse cyane avirwa bikabije habasha gukusanywa amafaranga tumusanira ahangiritse ndetse hishyurwamo umufundi numuyede.
  Twasoje nisengesho ndetse nogukomeza kumuhumuriza. Inkunga yakusanijwe ni ibihumi cumi nabine **(14 000frw).**

- Kuwa **28/09/2024** twasuye umukecuru utuye mu Cyakabiri amaze imyaka 4 atabasha guhaguruka cg kweguka, abayeho mubuzima bugoye aho arwajwe nundi mukecuru ariwe nyina umubyara, imibereho yose bayikesha umuhungu we nawe udafite ubushobozi. Twasoje nisengesho, inkunga yakusanijwe ni ibihumbi cumi nabibiri **(12 000frw).**
- Kuwa **26/10/2024** twasubiye gusura umukecuru utuye mucyakabiri wasuwe kuri 28/09/2024.

  Hakusanijwe inkunga y'ibihumbi cumi nicyenda(19 000frw), hakoreshejwe ibihumbi cumi nabitan(15 000frw) mwisanduku y'umubitsi hasigara ibihumbi bine(4 000frw).
  Twasuwe kandi na Soeur Agnes ushinzwe gukurikirana groupe misercorde atuganiriza uburyo groupe Misecorde yavutse ndetse nuburyo ikora, Aduha numwambaro w'akazi ariwo furari ndetse numudari.
  Twasoje dufata ifoto ya Rusange hamwe nisengesho, turataha.







Raporo y'inama rusange ya Goupe Misercorde yo Kuwa 12/01/2025.

Inama yatangiye saa kumi n'imwe itanngizwa n'isengesho hakurikiraho kumenyana kuko abenshi tutari tuziranye.

*Presindente yakomeje adusomera Kandi adusobanurira  ibikorwa by'impuhwe n'imigirire yazo bigomba kuturanga nka Goupe Misercorde.

*Yakomeje Kandi atubwira ibikorwa byakozwe mumwaka ushize cyane ko turimo kwizihiza umwaka ushize dutangiye ibikorwa byacu.

*Twakomeje twungorana ibitekerezo kubikorwa tugiye gukora mur'uyu mwaka :

-Gusura abarwayi mubitaro: twavuze ko tuzajya tureba social akatwereka abababaye hanyuma tukabashyikiriza ibyo twateguye icyo gikorwa kikajya kiba rimwe mugihembwe .

-Gusura abagororwa :tuzashaka amakuru y'uko bikorwa tuzajya dutwara imyenda,ibiringiti,utubido,n'ibikorwsho by'isuku hanyuma tuzabitegure..

-gusura ababaye mungo: buri wese agomba kutubera ijisho akaduha amakuru kubantu tuzi bakeneye igikorwa .

*Twemeje ko igorwa kizajya kiba kucyumweru cya nyuma cy'ukwezi Aho kuba kuwa wagatandatu wanyuma kuko bibangamiira benshi bakabura uko bitabira igikorwa .

*Twemeje Kandi ko igikorwa kizajya gitangwa Ari ibihumbi 20k Andi akaguma mu isanduku akajya yunganira igikorwa cyo Kwa muganga.

*Twavuze ko tugomba gutanga raporo Kwa Padiri y'ibikorwa byacu byazaba ngombwa tukamusaba ko twamenyekana kugirango tubone umubare munini w'abifuza gufatanya natwe .

*Twavuze kubukwe bw'umuvandimwe wacu buzaba tariki ya 01/02 twanzurako tuzahora riste buri wese agatanga uko yifite hanyuma tukazakuramo ticket y'abantu 2 bazaduhagararira bakazadutangira impano (twemeje ko izava muri cesse) cyane ko buzabera kure ya Muhanga muri Karongi.

*Twemeje ko tugomba kugira imipira ituranga iriho ibirango byacu Spasiot Spadon Operam imber ku mutima naho inyuma hakandikwaho La Misericorde .

*Twasoje umubitsi atugezaho uko caisse ihagaze kugeza ubu ko Ari 16500 havuyemo 1000 cyongewe kuyo kwiyakira ubwo hasigaye 15500

Umwanditsi Nyirangendahimana Cartine

30/11/2024 twasubiye gusura umurwayi utuye murugarama warwaye canceli twasanze arembye cyane atakibasha kuvuga, twaganiriye n'umurwaza we atubwira ko ntakintu agishobora kurya keretse kunywa gusa ,twakomeje tubihanganisha tubabwira ko twari tugarutse kureba uko umurwayi ameze hanyuma tubashyikiriza igikorwa nkuko twagiteguye hanyuma dusingiza Imana tunayishimira ko ikimutije umwuka dusezeranaho turataha.

Igikorwa twakusanyije kingana n'amafaranga ibihumbi cumi n'ikenda ,twatanze 15000 hanyuma 3500 asigara mu isanduku y'umubitsi.

Abitabiriye igikorwa n'abantu 3 abandi bagize impamvu .

Igikorwa cy'ukwezi gutaha kizaba **le28/12/2024 .**



Imana ikomeze kudushoboza buriwese abashe kubona icyo afashisha abababaye

Imana iduhane umugisha

**28/12 /2024** twasubiye gusura umucyecuru umaze iguhe kinini arwaye hafi imyaka 8 twasanze atakibasha kuva Aho Ari kubera uburwayi afite gusa icyadushimishije nuko muburwayi bwe asingiza Imana Kandi akayishimira ko ikimutije umwuka. Yaratuganirije atubwira uburwayi bwe natwe turamwihanganisha . Twamushyikirije igikorwa twari twateguye hanyuma turasenga tumusezeraho turataha .

**Le 26/1/2025** twasuye umucyecuru urwaye cancel y'umura utuye mu gasenyi twasanze araho ashina Imana ko ikimutije ubuzima cyane ko ubwo burwayi abumaranye imyaka irenga 4 akaba afashwa n'umuganga umutera umuti ukomeye bityo iminsi ikicuma . Yatubwiye ko afite rend vous ibutaro kuwa 2 Aho azajya kwiteza utwo rushinjye rumugabanyiriza ububabare. Twamuganirije tumuhumuriza tumubwira ko Imana imukunda tumushyikiriza igikorwa arishima cyane hanyuma turasenga nkuko tubiiyenza turangije tumusezeraho turataha




Raporo y'igikorwa cy'urukundo cyo **kuwa23/02/2025**

Twasuye abarwayi Kwa muganga muri service ya Néonatrogi ahaba harwariye impinja . Batwakiriye neza tuganura n''abaganga turabibwira hanyuma dufatira hamwe ifoto y'urwibutso badufasha gutanga ibyo twajyanye mubarwayi

.Twatanze amata,amasabune na pampeste byose bifite agaciro kngana n'amafatanga 44 400 . B arishimye cyane Kandi baradushimira . Twakurikijeho isengesho rirangiye tubasezeraho turataha . Ubu mu isanduku y'umubitsi harimo F15000. Imana isubize aho twakuye

Umwanditsi Nyirangendahimana Cartine



**ABAGIZE GROUPE MISERCORDE**

| **AMAZINA YOMBI** | **TELEPHONE** | **UMUKONO** |
|---|---|---|
| 1.Uwimana Anne Marie | 0788425213 | |
| 2.AkumutimaMignone Clarisse | 0 788 568 685 | |
| 3.Umulisa Germaine | 0 784 071 823 | |
| 4.Nyirangendahimana Cartine | 0 785 259 366 | |
| 5.Mukandera Francoise | 0783093359 | |
| 6.Uwizeyimana Hyacinthe | 0783630192 | |
| 7.Murekatete Velediana | 0785298727 | |
| 8.Nyiramajyambere Christine | 0782480425 | |
| 9.Nyirahabimana Alivera | 0 788 477 825 | |
| 10.Twizeyimana J Ferexi | 0783367080 | |
| 11.Kantengwa Clementine | 0783 527 915 | |
| 12.Byishimo Moïse | 0727058108 | |
| 13.Uwimpuhwe Albertine | 0794 190 436 | |
| 14.Gihozo Emme Cremence | 0 780 410 482 | |
| 15.Mukundabantu Marc | 0788448593 | |
| 16.Uwera Celine | 078252415 | |
| 17.Uwamariya Anne | 0788 835 432 | |
| 18.Uwamariya Beath | 0 782 766 503 | |
| 19.Uwamariya Assoumpta | 0784394307 | |
| 20.Niyikiza J Damascne | 0782 478 818 | |
| 21.Hakizimana J Marie Vianne | 0788526893 | |

| | | |
|---|---|---|
| 22.Uwimana J Paul | 0788841405 | |
| 23.Nyiranzobe Ivone | 0787866287 | |
| 24.Banganimana Felicite | 0788 439 743 | |
| 25.Ineza Umukundwa Inesi | 0 782 345 473 | |
| 26.Ndayisa Jerome | 0785 099 772 | |
| 27. Muhimpundu Marie Madeleine | 0 783 004 706 /0 783 004 706 | |
| 28. Nirere Clodine | 0783 336 155 | |
| 29. Mukamutari Monique | 0 788 465 211 | |
| 30. Uwayezu Elizabeth | 0784 923 324 | |
| 31. Uwambajimana Rosette | 0783 857 152 | |
| 32. Uwitonze Angerique | 0 783 367 080 | |
| 33. Twizeyemariya Jacqueline | 0 783 367 080 | |
| 34. Nyiransabimana Olive | 0 784 663 116 | |
| 35. Mukaniyosenga Gloriose | 0 784 663 116 | |
| 36.Nyiramabumba Angerique | 0725 034 816 | |
| 37.Nyiramuruta Belethilde | 0782 236 877 | |





